Territoire de Ruhengeri
Chefferie du Buberuka
Tribunal de ~~Kab~~ y'KIRAMBO

Copie y'urubanza n° 4505/62
Rwabmamashijwe le 10/5/1960
Rwarangiye le 20/5/60

Ruhengeri
9425

| | | | |
|---|---|---|---|
| Urega: ZIRABONA | Umusozi Rukoji | Intara Buberuka | Territoire Ruhengeri |
| Uregwa RUTERANYANGABO | Kamubuga | " " | " " |

IKIREGERWA: Umulima ufite m 86,85X64,5 m wo kumusozi Kagano ko yawumuteyemo agasanga ahinga akamwaka n'imbuto n'ikupembo yari yahendiye abakozi be.

I. ZIRABONA ndega Ruteranyangabo ko nagize umulima nnywuguranye n'aba Padri bo Mission ya Nemba mbaha umulima nabo bampa undi wo kumusozi Kagano ubwo bari barahawe na s/chef Rwatangabo watwaraga ndawuhinga imyaka 5 none muri iki gihe nijya guhinga nteramo imbuto nshyiramo n'abahinzi ariko nsanga Ruteranyangabo abahinzi ahinga n'imbuto bari bamaze gutera arabihinga.

II. RUTERANYANGABO yiregura avuga ati: uwo mulima ndega n'uwanjye nawutije s/chef Rwatangabo, nawe awuha AbaPadri bashaka guhingamo ibiraye by'abanyeshule, non' ubu mukwezi kwa 3 k'uyu mwaka Rwatangabo niho yamenye kuwo n'umulima nawe niyo ayatumye nnywumutiza mu nama y'Umusozi. niyo ayatumye nnywuhinga kuko nawushubijwe n'uwo nawutije

Q. Rwatangabo mukugusubiza uwo mulima wawe yaragitwaraga
R. Ntabwo yaragitwara ni mukwezi kwa 3/60 ubu twari mu nama y'umusozi, mukuwumusubiza yavuze ko umulima wanjye ntabgo wakabye kandi ntiwatowe kw'intore

Q. Ushobora kuzana Rwatangabo wagushubije uwo mulima?
R. Nemeye kuzamuzana k'urukiko
Q. Uwo mulima uwutije Rwatangabo hashize imyaka ingahe?
R. Nyumuntije hashize imyaka 6 (itandatu)
Q. Igitumye utatireye Rwatangabo watije ngo niyonga umulima wawe mugihe ayose gishize ni kuki kandi uzi k'umulima awuhawe ngo azamp'undi
R. Kuko najyaga kumumutirura akambwira ngo azamp'undi mulima mu ayimbo cy'uwanjye

Q. non' ubgo yarawuguhaye? R. Yawunshubije ubu mukwezi 3/60
Q. Kuki wahinze uwaguranye n'aba Padri ibahawe na s/chef Rwatangabo watwaraga nukuki?
Nuk'umulima wari uwanjye, niyo ayatumye ampinga
Zirabona uwo mulima umumaranye imyak'ingahe umaze-wuguranye n'abapadri?
Abapadri bawumaranye imyaka 3 nawugiyemo aba Padri bawumarenye imyaka 10.
Rwatangabo ko wasanze Zirabona ahinga muwumulima yahawe aba Padri baguranye abaPadri bararamuhawe n'Umututsi

## suite

kuki wasanze Zirabona yatay'imbuto ukavanga imbuto ye n'iya
R- ntabg'arijye wamwunamunye rwose
Q. Zirabona wamumaze guteramo imbuto y'amashoza angan'iki?
R- Imbuto yanjye yari Kg 6.
Urukiko rusanze ingihe cy'imbuto ali Kg. 6 x 3 = 18 frs. y'iyo imbuto.

Rumaze kumva ko Zirabona arega Ruteranyangabo ko yamwunamunye mu murima yaguranye n'aba Padri ba Mission ya Kambe bawuhawe na sJohef Rwatangabo muri 194.

Rumaze kumva ko Ruteranyangabo yiregura yemera k'uwo murima yawuhinze awuhawe n'abajyanama bo kumusozi n'umuyobozi w'inama sJohef Munyarugerero.

Rumaze kubona ko sJohef Munyarugerero aje mu Rukiko ayemezakw'ariwe watanze uwo murima afatanije n'abajyanama be

Rumaze kumva ko Zirabona yunamunwe na Ruteranyangabo amaze guteramo imbuto ya Kg. 6.

Rumaze kumva ko Ruteranyangabo yamwunamunye Zirabona abigiriye urugomo koko.

Rumaze kumva ko Zirabona yaramaranye uwo murima imyaka 5 atabon'umuntu umwunamunura.

Rumaze kumva ko Aba Padri bawuguranye na Zirabona bawumaranye imyaka 10

Rumaze kumva ko Ruteranyangabo yawuhinze uwo akawuvangira

Urukiko rw'Intara ababuranyi bombi bahari

Rwemeje ko Zirabona yaguranye uwo murima n'aba Padri nabo bawuhawe na sJohef Rwatangabo.

Rwemeje k'uwo murima umaze imyaka 15 ntawukura'uwo murima na Zirabona.

Rwemeje ko Ruteranyangabo yavanze imbuto mu ya Zirabona abigiriye urugomo.

Mumwanzuro w'Igihugu, awahaw'umurima n'Umutwale karatse nihabonek'itegeko ribihindura ntaw'uwumunyaka.

Rukijije ko Ruteranyangabo atsinzwe kuko yagiye mu murima watanzwe na sJohef awuh'aba Padri.

Rutegetse ko Zirabona azasubiza mu murima yaguze n'aba Padri

Kubarako Ruteranyangabo yavanze imbuto ye mu ya Zirabona agafapfanya bibujijwe, kandi ko yunamunye abahinzi ba Zirabona kubera ko yabuze impamba ze yari yashatse, n'imbuto yaratse kubera ko yabuze aho ayitera:

Ruteranyangabo azaha Zirabona frs. 600 yindishyi y'akababaro azayatanga le 17/6/1960 atayatanga agafungwa 30 jours C.P.C.

akagurirwa imbuye k'ungufu.

Aratanga frs. 40 ya que'urubanza, atayatanga agafungwa 2 jours C.P.C

Aratanga frs. 24 ya 4%.
Arasubiza tirabore frs. 20 ya Grama yaregeshejwe
ararihe convocation na Mandat de Comparution na Mandat-d'amener.

Abacamanza baruciye.

Juge Chef Habyarimana

Ass. Rufurafura
Rudashoboka.

Greffier hpl. Ntawurubuga Christophe

Mleyoandukuye uko byanditswe

Gitovu le 30/5/1960

URUBANZA:

Ruhengeri le 9-2-1960

Rwamapfa wa Bukamba uarega Mafene wa Rwankeri.

A) Rwamapfa ati: "Ndarega Mafene wa nyombuye frs 1000. Nali nyamuguliye tuli ku isoko ry'i Rugarama. Mwishyuje inshuro 2 aranga nyo nta bwo nigeze nyamuha. None mwamumbaliza icyatumye atayampa."

I

3) Mafene yiregura avuga ati arambeshyera sinigeze mbonana nawe.

II. Bumaze kumva ko Rwamapfa arega Mafene, ko yanze kumwishyura amafaranga ye 1000. Mafene yiregura ahakana ko atazi Rwamapfa rwose.

Abacamanza bati Rwamapfa wahaye Mafene ayo mafaranga ryali? Nayamuhaye ku wa 6 taliki ya 8-1-60. Wayamuhaye hali nde? Hali Rwego-Ruhfa na Gato.

III Rwebwe Abacamanza dutegetse ko wowe Rwamapfa uzazana abo bagabo le 15-2-1960.

Abacamanza bati Mafene wemeye abo bagabo? Yee ndabemeye. Mafene na we avuze ko yemeye abo bagabo batanzwe na Rwamapfa.

Ica ry' urubanza. (Itanga ry'Abagabo).

II Abagabo bamaze kugera ku urukiko ku umunsi bari babwe kuza. Abacamanza bati: Icyo muzi kuli Rwamapfa na Mafene?

a) Rwego tumubaza niba hali icyo azi kuli Rwamapfa duturanye, atangira avuga ati icyonzi ni uko Rwamapfa duturanye, kandi akaba ati n'umuvandimwe wanjye. Naho uyu munsi ko ali Mafene nkamumenya mbandoga Umwami Kigeri (Abacamanza bati no we igendere).

b) Ruhfa amaze kugera ku abacamanza bati ntiwatubwira iby'abo bagabo Rwamapfa na Mafene? Ati icyo nzi ni uko Rwamapfa ali umuvandimwe wanjye tukaba kandi duturanye. Naho uyu muntu Mafene, ni ubwambere mubona.

c) Gato ageze ho bati uzi iki kuli Mafene na Rwamapfa? Ati kubeshya kirazira rwose ndetse n'amategeko y'Imana arabitubuza mbabwiye ko hali icyo nzi cy'abo bagabo bombi, naba mbaye umunyakinyoma kandi nkazahanirwa n'Imana Rurema. Reka ntacyo mbaziho? Nabahakaniye kure ko ntacyo mbazi ho. Aliko Rwamapfa ni umuvandimwe wanjye. Kandi turaturanye.

V - Tumaze kumva ko Rwamapfa arega Mafene amerega frs 1000. yo yamuguliye none yanze kuyamwishyura.
- Tumaze kumva ko Mafene yiregura avuga ko atigeze abonana na Rwamapfa byemeza ko Rwamapfa amubeshyera
- Tumaze kandi kumva ko Rwamapfa agomba abagabo babiri bo guhamya Mafene ayo mafr. 1000.

- Tumaze kumva ko Rwego atangira avuga ati ivyonzi, nzi neza ko Rwamapfa duturanye, akaba n'umuvandimwe. Ati naho uyu mwitwa Mafene simuzi rwose.
Abacurubanza biti ijambere ibyo twagushakiraga ntubizi.
- Tumaze kandi kumva amagambo y'undi mugabo witwa Gato, tumubaza niba azi ibya Rwamapfa olika kandi ni uko twabibwirwa n'umuco w'igihugu. Rero mbabwiye konzi ibya ababagabo bombi; naba mbeshye urukiko n'Imana. Bati wowe ntagoragi kubibazi? Yee
- Tumaze kandi kumva amagambo y'umugabo wa 3 atiwe Rupfu. Ati ivyonzi aya Rwamapfa, nziko ati umuvandimwe wanjye kandi tukaba duturanye. Rero ntakindi nzi. Uyu Mafene se ntamuzi?
Atinko-mumenya Ntandega Umwami Kigeri.

N.B. Dukulikije umuco w'igihugu tugashingira kungingo ya R.U. № 11 y'igitabo y'amategeko, dutubuza ubujura.
- Ubwo Rwamapfa adatanze n'abagabo yatanze aratsinzwe.
- None ho urukiko rukijije ko Mafene y waregwe atsinze Rwamapfa.
- Urukiko rukijije kandi ko Rwamapfa wareze atsinzwe.
- Kubera ubujura n'ikinyoma bya Rwamapfa,
VI - Igihano atagetswe gufungwa iminsi 60 n'amap. 2000.
- Indishyi y'akababaro y'amafaranga 500. Akazayatanga vuba le 28 février 60. Atayatanga vuba akava mu ibyo atanze.
- Dutegetse ko atanga 40 f yo guca urubanza atayatanga, agafungwa indi minsi 3 yokongera 60 = 63.
- Akabura f 20 yaregeshije yo guhamagara Mafene kuko atsinzwe.
- Agahaba na f 20 ya convocation yahamagaye Mafene.
- Tumutegetse na f 4% = f 101,5

Byemejwe n'Abacamanza mu rukiko rwa benshi.
1) Juge [signature]
2) Ass. [signature]
3) ,,
4) Greffier [signature]

TERRITOIRE DU R.-U.

RESIDENCE DU Rwanda

TERRITOIRE DE Ruhengeri

| | |
|---|---|
| Chiffre | |
| Francs ~~124~~ 2641,5 | |

Quittance 614

FRS ~~24~~ 2641,5

Reçu de RWAMAPFA

Ahawe na

Somme de 2641,5 frs deux milles six cents quarante et un cinquante

amafaranga

Pour 4% affaire N: 51281/

L. de C. N° 290

Ruhengeri le 28-2-1960

[signature]

IBURANISHA RY'IMBERE YA BENSHI MUSUHUKE s/chef ARERA MUHAMALI RYO KUWA 7/3/1959; BABURANA Ko yamwibiye ibitoki. Nº 3836/44/.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| Urega | :MUSUHUKE s/chef | :RUTAMBA NYANGA | :MURERA | :RUHENGERI / |
| Uregwa | :MUHAMALI | :MWIKO | : " | : " : |

I. MUSUHUKE ati:ndega MUHAMALI ko yanteye iwanjye, atuye ahandi kwa s/chef MWIKARAGO, nali mfite umulima uli muli s/chefferie yanjye, ubu rero yahingiye urutoki ru muruwo mulima, niba kandi azi ko nawumwambuye aba yarandeze, aliko niyihe umulima natunze kuva mu mwaka wa 1939, araho naho yimukiye, ntabe halicyo yabivuze ho, kuva icyo gihe kugez'ubu, kandi uwo mulima war'uwu muntu witwa SEMAFARA, ntabwo aruwa MUHAMALI, none nimumumbarize impamvu.

II. MUHAMALI yiregura avuga ati:uwo mulima waruwa mwene data, bukeye apfuye ndabikorera, hanyuma binaniye kuko byalimo kawa mbihe s/chef MUSUHUKE, hali mumwaka wa 1950, hanyuma mbonye abandi batema amakawa, njya mulizo kawa kuzihingira, kuko mbe har'ubukonde bwanjye

Q.-MUSUHUKE harubwo MUHAMALI yigeze gukorera izo kawa ?

R.-Ntabwo yigeze kuzikorera na limwe

Q.-MUHAMALI kowivuye ko aho hantu hakunaniye ukahaha s/chef MUSUHUKE, ubu se wa hasubiye uhahawe nande ?

R.-Nuko nabonye abandi baranduye amakawa, aba alicyo gituma mpisubiza

Q.-MUHAMALI ntabwo uzi ko iyo umuntu yatanze ikintu atongera kucyisubiza kunguf

R.-Ndabizi ko aliko bigenda, aliko sinabigize

Q.-MUSUHUKE niwowe watunze izo kawa nurwo rutoki ?

R.-Ati:nabanje kuhaha umuntu witwa NTIMBA muwa 38, nyuma ahavuye mpaha MAHUNDAZA Hanyuma mpaha GASHAMURA, akamenya urwo rutoki agakorera nizo kawa, kandi ubwo mpa ha abo bantu MUHAMALI uyu yaraho, icyo gihe ntiyagira icyo avuga, kugez'ubu yihay ibyo bintu

Q.-MUHAMALI abo bantu MUHUKE avuze ko yahaye aho hantu, niko byagenze koko?

R.-Ati:nikoko yarahabaye kuko aliwe wali nyiraho alijye wahamuhaye

Q.-Ko uvuga ko wahamuhaye ubu se urahamwakira iki?

R.-Nuko ikawa zalimo zali zananiye none ubu zikaba zitakiri mo.

Q.-MUHAMALI wegurira MUSUHUKE izo kawa niyo milima mwasezeranye ko uzahisubiza igihe uzashakira ?

R.-Oya nahatanze nziko hananiye, none icyatumye mbyisubiza nuko iyo kawa yarandu abandi, nanjye rero mbona ko izo nazikorera kuko izindi zanjye zali zaranduwe

Q.-Kuki wateye kawa muli s/chefferie udatuye mo, kuko utwarwa na s/chef MWIKARAG ntubaze Chef KAMALI cyangwa ngo urege MUSUHUKE ugatera gusa ntuzi ko ali bibi ?

R.-Sinabajije Chef KAMALI, kandi sinareze mu Rukiko, kuko nagiye kuhahinga nziko rubukonde bwanjye, sinagombaga kubanza kurega

Q.-None se ko MUSUHUKE avuga ko yatunze izo kawa nurwo rutoki kuva muwa 1939 bi buze ubikorera icyo gihe wabuzwa niki kubikorera ntiwaruzi ko arubukonde bwawe

R.-Nuko kawa yarushyaga gusasira icyo gihe biranananira aba alicyo gituma MUSUHUK abikungura

Babaza ababurana bombi ko harandi magambo bongera ku rubanza rwabo; MUSUHUKE ati: kereka kureba urwo rugomo rwo guterwa n'umuntu udatwara, Muhamali ati:ntacyo non ra ho.

Har'Abacamanza

Juge: ZIMULINDA

Ass:MUKWANDI

na:GAHUNGU

Graffier:KALIMWABO.A.-

IMIZA RY'URUBANZA RWA MUSUHUKE s/chef NA MUHAMALI RYO KUWA I4/3/59/Nº3836/44
BABURANA: ko yamwibiye ibitoki.
=== ==========================================================================

Tumaze kumva ko MUSUHUKE s/chef arega MUHAMALI ko yaje guhinga mu rutoki rwa amu kura,kandi aturutse muyindi s/chefferie,akaza kurugomo gusa kwiha ibintu atunze imyaka myinshi,kuko yatangiye gukorera iyo kawa muwa I939 kugez'ub MUHAMALI atabiregera,ahubwo agatera kungufu

Tumaze kumva ko MUHAMALI yiregura avuga ko icyatumye ahinga mururwo rutoki aruko ar'ubukonde bwe,kandi ko aruko yabonye i kawa zitakirushya nka mbere,kuko yayeguye zigikorerwa cyane,none ubu zitamunanira

Tumaze kumva ko izo kawa n'urutoki yabyenze muwa I939,MUHAMALI araho na bene wa kuko zali zabuze nyirazo uzikorera,kuko nyirazo yali yapfuye,ubwo MUSUHU agakungura i kawa n'urutoki,MUHAMALI ntabimurege kuva icyo gihe kugez'ubu MUHAMALI agatera ku rugomo atareze

Tumaze kumva ko MUHAMALI yiyemerera ko iyo kawa yananiwe kuyikorera koko,akayegu rira s/chef MUSUHUKE,akaba aliwe uyikorera hamwe nurwo rutoki,kuvubwo ku- gez'ubu ko nubu abiterwa nuko kawa itakirushya ikorera,kandi aruko yabon i kawa zahandi zaranduwe,akabona ko iyo yayikora uko abonye ntimunanire nka kera

Tumaze kumva ko MUHAMALI abazwa icyatumye atera kwa s/chef MUSUHUKE atabanje ku gera Chef KAMALI cyangwa Urukiko rwa Territoire,agasubiza ko atabikuriki yabazwa ko yarazi ko yagomba kurega cyangwa kubaza Chef KAMALI;akemera k abizi aliko ko atabikurikije,kuko yakurikiye gusa ko kawa zaranduwe,akab na ko izo zitazamurushya kuzikorera igihe gitoya,kuko akeka ko nazo ziza ndurwa agasubirana uwo mulima n'urutoki kuko ar'ubukonde bwe

Tumaze kubona ko MUHAMALI yiyemera ko yananiwe izo kawa akazegurira MUSUHUKE ka- ndi ko harenze imyaka igeze kuli 20 zifitwe na MUSUHUKE

Tumaze kubona ko MUHAMALI yagize urugomo rwo gufata umulima n'urutoki bya MUSUH KE kuko nawe yivugira ko yarazi ko yagombaga kurega cyangwa kubaza CHEF KAMALI,akiyemerera ko yabiretse nkana,ko byali ngombwa kubanza kurega nt byende ku ngufu

Kubera izo mpamvu zose Urukiko rwa Territoire rubonye ababurana bombi bahali

Rwemeje ko MUSUHUKE yatunze izo kawa nurwo rutoki kuva muwa I939 MUHAMALI ahali kuko MUSUHUKE yabikunguye habuze ukorera izo kawa

Rwemeje ko na MUHAMALI yiyemerera ko yananiwe gukore izo kawa,akazegurira s/che MUSUHUKE

Rwemeje ko MUHAMALI atagombaga gutera ngo ahingire urwo rutoki,ahubwo aba yarar ze mu Rukiko cyangwa akabibwira Chef KAMALI

Rwemeje ko MUHAMALI yagize urugomo agatera muli s/chefferie yindi,kandi az'amat geko kuko nawe yiyemerera ko yarabizi

Rukijije ko MUHAMALI atsinzwe;Rutegetse MUHAMALI kugarurira MUSUHUKE grama ye yaregesheje ;uko ali 20Frs,aratanga na 40Frs yuko ruciwe na20Frs ya convocation ya muhamagaye,yose uko ali 80Frs azayatanga tariki ya2I/3/59/ atayatanga agafungwa iminsi 3.C.P.C. akagurwa mu bye kungufu;Kubera ko MUHAMALI yagize urugomo rukab je,rwo gutera ajya guhinga imilima azi ko yayinaniwe,kandi yemera ko aliwe waye guye,agaca ku mategeko yarazi neza ko uwabuze ikintu agomba kurega adatera,akaj gutera impagarara muli s/chefferie yindi;Urukiko rumuciye ugihano cyo gufungwa iminsi 30 S.PP kururwo rugomo yagize.

Birangiye bityo imbere ya benshi mu Rukiko rwa Territoire ya Ruhengeri le I4/3/ I959.

Har'Abacamanza

Juge:ZIMULINDA Ass:GAHUNGU na:MUKWANDI

Greffier:KALIMWABO.A.-

## LES AFFAIRES QUI ONT DEMANDE LA REVISION AU TRIBUNAL DU MWAMI.

| NOM DU DEMANDEUR | COLLINE | CHEFFERIE | Nº |
|---|---|---|---|
| 1.-Majongi | Nyanshundura | Buhoma-Rwankeri | 3563 |
| 2.-Bukerimanza | Kanzenze | " " | 3702 |
| 3.-Ndimwami | Gasanze | Mulera | 3589 |
| 4.-Neretse | Gitwa | Bugarura | 3634 |
| 5.-Gatanazi | Ruhengeri | Mulera | 3670 |
| 6.-Kalisa s/chef | Ntarama | Bugarura | 3676 |
| 7.-Sebuhuzu | Gahunga | Mulera | 3501 |
| 8.-Matemane | Runoga | Buberuka | 3448 |
| 9.-Murasa | Gitinda | Mulera | 3315 |
| 10.-Kanyamibwa | Gasiza | Mulera | 3638 |
| II.-Seyeze | Rusanze | Buhoma-Rwankeri | 3751 |
| 12.-Munyampenda | Muramba | Bugarura | 3786 |
| 13.-Murera | Giheta | Mulera | 3335 |
| 14.-Bakiniye | Kabyampereri | Buhoma-Rwankeri | 3325 |
| 15.-Baciyumwe | Rugendabali | Buhoma-Rwankeri | 3743 |
| 16.-Munyandekwe | Rugeshi | Mulera | 3616 |
| 17.-Ngaboyisonga | Gahanga | Mulera | 3755 |
| 18.-Sebiraza | Bugabuli | Buberuka | 3404 |
| 19.-Semanyana | Cyanika | Buhoma-Rwankeri | 3468 |
| 20.-Rwabibi | Rugali | Mulera | 3680 |
| 21.-Mulindabyuma | Rubona | Mulera | 3589 |
| 22.-Munyamashara | Ruhondo | Mulera | 3624 |
| 23.-Murasa | Gitinda | Mulera | 2957 |
| 24.-Bazira | Gahunga | Mulera | 3706 |
| 25.-Mirambi | Rwerere | Buberuka | 3555 |
| 26.-Ruguliro | Busogo | Buhoma-Rwankeri | 3688 |
| 27.-Munyangabe | Rugeshi | Mulera | 3814 |
| 28.-Busokoza | Bushoka | Bugarura | [illegible] |
| 29.-Birekeraho | Gashali | Bugarura | 3780 |
| 30.-Mafranga | Kinyoma | Buberuka | 3818 |
| 31.-Rwamarenga | Menjali | Bumoma-Rwankeri | 3898 |
| 32.-Semagoli | Jaba | Buhoma-Rwankeri | 3893 |
| 33.-Bakeni | Ruyange | Buberuka | 3790 |
| 34.-Mutarambirwa | Kibumba | Bukonya | 3814 |
| 35.-Mbuzehose | Bwisha | Bugarura | 3957 |
| 36.-Seruhongo | Rugarama | Mulera | 3927 |
| 37.-Karasanyi | Bugaragara | Bugarura | 3664 |
| 38.-Rwamilonko | Gatonde | Bukonya | 3737 |
| 39.-Mahane | Rugeshi | Mulera | 3895 |
| 40.-Rwizibuka | Maya | Mulera | 3928 |
| 41.-Mugarukira | Bukumbiliri | Kibali | 3988 |
| 42.-Munyasanga | Ninda | Mulera | 3744 |
| 43.-Ruhima | Nkuli | Buhoma-Rwankeri | 3934 |
| 44.-Ntahomvukiye | Rusasa | Bukonya | 3963 |
| 45.-Kajagiro | Manga | Bushiru(Kisenyi) | 3970 |
| 46.-Buzige | Gatete | Mulera | 3732 |
| 47.-Karasanyi | Bugaragara | Bugarura | 3929 |
| 48.-Rwambonera | Kagogwe | Ndiza(Citarama) | 3846 |
| 49.-Karubanda | Kinigi | Mulera | 3782 |
| 50.-Munyakabere | Muko | Mulera | 3909 |
| 51.-Muryongo | Ruhinga | Bugarura | 3956 |
| 52.-Kabano | Gafumba | Mulerra | 3920 |
| 53.-Bisiga | Nyarugina | Mulera | 3984 |
| 54.-Mudubi | Giheta | Mulera | 4022 |
| 55.-Ndizihiwe | Ruge[illegible] | Buhoma-Rwankeri | 4025 |
| 56.-Kanyamajyeri | Murambi | Buberuka | 3877 |
| 57.-Ntamaherezo | Busogo | Buhoma Rwankeri | 7770 |
| 58.-Mvukiyehe | Gahanga | Bukonya Bugarura | 3734 |
| 59.-Birikunzira | Kibumba | Bukonya Bugarura | 3756 |
| 60.-Ntuyahaga | Butare | Buberuka | 3810 |
| 6I.-Ruburibambe | Gatonde | Bukonya Bugarura | 3992 |
| 62.-Ndeze | Ka asanze | Bukonya Bugarura | 4003 |
| 63.-Rutivanga | Nkuli | Buhoma Rwankeri | 3876 |
| 64.-Riberakurora | Gahanga | Bukonya Bugarura | 3832 |
| 65.-Ndabakwaje | Rusarabuge | Buberuka | 3515 |
| 66.-Ntebo | Kavumu | Bugarura | 3680 |
| 67.-Sebuhozozo | Hesha | Buhoma Rwankeri | 4067. |